Plant-for-the-planet irahamagarira abakuru b' Ibihugu bikize kw'isi G7 gushyigikira umushinga munini wo Gutera ibiti wa mbere mu mateka y'isi.

environews.rw/2015/06/09/plant-for-the-planet-irahamagarira-abakuru-b-ibihugu-bikize-kwisi-g7-gushyigikira-umushinga-munini-wo-gutera-ibiti-wa-mbere-mu-mateka-yisi/

KWIZERA Paulin

Ihindagurika ry'ikirere ni kimwe mu bibazo bihangayikishije isi yose kandi kikaba kirimo no kwangiza umusaruro ukomoka ku buhinzi. twifuje kubagezaho uburyo urubyiruko rurimo guhangana n'iki kibazo kw'isi yose aho rwibumbiye mu muryango Plant-for-the-planet.

Urubyiruko rugize ihuriro Plant for the Planet

Plant-for-the planet umuryango w'abana n'urubyiruko wahamagariye abakuru b'ibihugu bigize umuryango w'ibihugu 7 bya mbere bikize kw'isi G7 gushyigikira umushinga munini wo gutera ibiti wa mbere mu mateka y'isi.

Yugratna Srivastava afite imyaka 19 ni umunyeshuli ukomoka mu Buhinde ndetse akaba n'umwe mu bagize inama y'ubuyobozi y'umunyamuryango Plant-for-the-planet ati *"Mu myaka umunani ishize, twe abana n'urubyiruko twateye ibiti miliyari 14 dufashijwe n'abandi bantu bakuru. Igihe kirageze ngo Abakuru ba za Guverinoma batange umusanzu wabo mu kubungabunga ejo hazaza hacu*".

Ubu butumwa ndetse n'indi myanzuro yose ni umusaruro wavuye mu nama y'Urubyiruko, yari yitabiriwe n'abageze kuri 88 baturutse mu bihugu 23, U Rwanda Rukaba Rwari Ruhagarariwe . Inyandiko yateguwe ku bufatanye n'inzobere mu by'ubukungu, imihindagurikire y'ikirere ndetse n'inzobere mu bya politiki. Ivuga ko intego yabo ya mbere ari ugutera ibiti miliyari 1000.

Ibi biti bizabasha gufata umwuka wa CO2 (uyu mwuka niwo utuma isi ikomeza gushyuha ikierere kigahinduka) ungana na ¼ cy'umwuka wa CO2 wose ushyirwa mu kirere n'abantu bityo bibe biri gufasha kugera ku ntego yabo ya kabiri yo guhindura ingufu zikoreshwa kw'isi wo uzaba wagezweho mu mwaka 2050.

Yugratna Srivastava

Ubushakashatsi bwakozwe na Kaminuza ya YALE bwerekana ko hari ahantu hahagije kw'isi ho gukorera uyu mushinga wa mbere mugari mu mateka y'isi mu bijyanye no Gutera ibiti. Ubu bushakashatsi buzashyirwa ahagaragara mu mezi ari imbere. Felix Finkbeiner, arangije amashuri yisumbuye akaba ari nawe washinze uyu muryango ashingiye ku byavuye mu nama yahuje abakuru b'ibihugu bose nyuma y'ihungabana ry'ubukungu muri 2008 yagize ati: "Kubaho kwa milliyari 3 z'urubyiruko ruri kw'isi bigomba guhabwa agaciro kuruta gushora amafaranga mu mabanki make ari kw'isi" . Felix Finkbeiner arongera ati "Ibigo byose ndetse n'imiryango yose bibashije gutera miliyari 1 y'ibiti, twagera kuri iyi ntego y'ibiti milliyari 1000 mu mwaka w'2020".

Iri huriro ry'urubyiruko rwateguwe ku bufatanye hagati y'umuryango w'abana ndetse n'urubyiruko Plant-for-the-plant, Ishami ry'umuryango w'abibumbye rishinzwe Ibidukikije (UNEP), ndetse n'ikigo Evangelische Akademie Tutzing. Abayobozi ku rwego rw'isi ubutaha bazaba bari muri iri huriro rizaba kuwa 11 Mata- 16 Mata 2016, kugirango bafatanye mu kureba uburyo habaho guhindura ingufu zikoreshwa ku isi. Uru rwandiko rero rurashyikirizwa abahagarariye ibihugu byabo mu Budage mu murwa mukuru Berlin uyu munsi hateguwe uburyo bw'amafoto ndetse na filimi bizafasha uru rubyiruko kugeza ubutumwa kuri aba bayobozi b'ibihugu bikize cyane kwisi G7, ubu butumwa bwose bwanditse ku mibumbe minini yafatiwe mu kirere na n'indege .